MIZERO SECONDARY SCHOOL TECHNICAL
KNOWLEDGE - SKILLS - COMPETENCE

RWANDA–BURUNDI JESUITS PROVINCE
MIZERO TECHNICAL SECONDARY SCHOOL (MIZERO TSS)
RUSIZI DISTRICT / KAMEMBE SECTOR
P.O Box 3 Cyangugu, Tel: 0788482041 Umuyobozi w'Ishuri/0785226825 Ushinzwe Discipline/0788247955Umunyamabanga/ 0788908884 Ushinzwe amasomo/0783139928Umucungamutungo
Email: mizerotss@gmail.com Website: www.mizerotss.org.rw

**Babyeyi b'abanyeshuri bashya(L3,L4,L5) umwaka w'amashuri 2026–2027**

Babyeyi dufatanyije kurera, mugire amahoro y'Imana. Mbandikiye mbamenyesha ibisabwa umunyeshuri muri iki gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri wa 2026-2027 Amafaranga yose yishyurwa kuri konti y'ishuri nomero **124041** ibarizwa muri banki **y'Umwalimu SACCO** yitwa **MIZERO TSS.**

| **Amafaranga y'ishuri** | **Assurence** | **Carte y'ishuri + iya discipline** | **Caution** | **Gukodesha matera** | **Kwiyogoshesha** | **Ibikoresho byo ku meza** | **Umupira w'imbeho+ T-shirt** | **Umwambaro w'ishuri(paire ebyiri) ijipo cyangwa ipantalon n'ishati** | **Imyambaro y'imikorongiro (Pratiques)** | **Igiteranyo** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 95000 | 2000 | 3000 | 4000 | 3000 | 1500 | 1500 | 21000 | 20000 | 15000 | **166,000** |

N.B: Abanyeshuli barasabwa kuza gutangira bazanye inyemezabwishyu. Amafaranga yose yishyurirwa kuri banki; nta mafaranga yishyurwa mu ntoki.

## IBINDI BIKORESHO BURI MUNYESHULI ASABWA

1. Inkweto z'umukara zifunze imiguro ibiri (2) zitarimo irindi bara; amasogisi y'umweru maremare imiguro ine (4) adafite ibishushanyo; classeur nini yo kubikamo impapuro zakoreweho amabazwa; boîte mathématique; machine calculatrice scientifique ku banyeshuri bose; lame y'impapuro; amakaye 10 ya paji 200 n'amakaye 13 ya paji 120; amakaramu 6 y'ubururu n'amakaramu 3 y'umukara; impapuro z'isuku 5; amashuka abiri (2); ikiringiti; essuie-main; indobo nshya itukura ku bahungu n'iy'ubururu ku bakobwa; kamambili (umutuku ku bahungu n'ubururu ku bakobwa); umuti w'amenyo (colgate nini 2); amavuta yo kwisiga adatukuza uruhu; isabune zo gukaraba enye (4); isabune zo kumesa enye (4); coupe-ongles; umuswara wera; isaha; imyenda yo kurarana; amakariso atanu (5); imyenda ya siporo yose y'ubururu igizwe n'amapantalo abiri (2), imipira ibiri (2) n'inkweto za siporo; n'indi myenda ya sporo byose by'ubururu bidafite irindi bara. Icupa rya plastique ryo kunyweramo amazi ribonerana, fotokopi y'irangamuntu y'umukuru w'umuryango hamwe n'icyemezo cy'ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de Santé 2026–2027) cyangwa ubundi bwishingizi.

Abakobwa bazazana kandi igitenge kimwe, cotex enye (4), isutiye ebyiri (2) na sous-cola ebyiri (2); abahungu bazazane isengeri ebyiri (2).

2. Abanyeshuri biga FBO bazazana **umukoropesho wa kiaka**; abiga SWD bazazane **ikiroso** cyo gukuba; abiga BDC bazazane **isuka**. Abiga Building Construction bazazane kandi inkweto zabugenewe zo gukoresha mu mikoro ngiro (pratique), casque, umwiko, niveau (imbaho y'amazi) na metero; abiga SWD bazazane flash disk (USB); naho abiga Food & Beverage (FBO) bazazane imyenda ya service igizwe n'ipantalo y'umukara, ishati y'amaboko maremare yera na nœud yo mu ijosi, ifurusheti ikomeye n'icyuma cyo ku meza kizajya gikoreshwa mu mikoro ngiro. **Umunyeshuri wese azazane amafoto abiri magufi ya passport agaragaza neza isura ye, cyangwa akazana amafaranga Magana atanu (500 frw)mu ntoki agafotorerwa ku ishuri.** Buri munyeshuri wese yitwaza igiceri cy'ijana 100frw yo gufasha abatishoboye no gutabara abanyeshuri bagenzibe bagize ibyago (Community outreach).

**N.B.:** Nta radiyo, écouteurs, telefone zigendanwa cyangwa mudasobwa byemewe mu kigo, kuko ishuri rifite mudasobwa zihagije. Boda-boda ntizemewe, chainette, ibikomo, n'ingofero.Nta yindi myambaro itari iy'ishuri yemerewe kwinjizwa mu kigo, kandi uzafatwa afite kimwe muri ibyo bikoresho cyangwa imyenda itemewe azabyakwa kandi ntazabisubizwa nk'uko amategeko y'ikigo abiteganya. Umupira usanzwe ni ubururu butagira irindi bara (sans griffe). Indi myenda yose itavuzwe haruguru ntiyemewe. Umupira w'imbeho ugurirwa ku ishuri amafaranga akanyuzwa kuri konti y'ishuri.Ni umupira wa jumper ufubika umwana neza bityo abafite ibibazo by'imbeho uzabafasha kutagira indi myenda bakenera. ni itegeko kubanyeshuri bashya. Abanyeshuri bose bagomba kuba bageze ku ishuri ku munsi ugenwa w'ingendo kandi mbere ya saa kumi n'imwe z'umugoroba; ukererewe yakirwa gusa ari kumwe n'umubyeyi cyangwa umurera wasobanura impamvu y'ubukererwe.

Mizero TSS, kuwa 1/07/2026

Padiri Innocent KAMANZI, SJ
Umuyobozi w'Ishuri

MIZERO TECHNICAL SECONDARY SCHOOL
SCHOOL MANAGER
KNOWLEDGE-SKILLS-COMPETENCE